# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU MUHANGO WO KUZIRIKANA URUGENDO RW'IMYAKA 30 UMURYANGO IBUKA UMAZE UVUTSE

**Intare Conference Arena, 8 Mata 2026**

**Banyamuryango ba IBUKA,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,**

**Members of the Diplomatic Corps,**

**Distinguished Guests,**

**Rubyiruko,**

**Batumirwa bahire,**

**Mwiriwe!**

- 'Baho ntugipfuye' ryabaye ijambo rya mbere benshi bumvise mu ijwi rihumuriza ry'Inkotanyi.
- 'IBUKA' riba ijambo riduha inshingano! Inshingano zikomeye zo **Kwibuka,** kuko umuryango utibuka urazima.
- Uyu mwaka turibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda! Kubihuza no kuzirikana urugendo rw'imyaka 30 umuryango IBUKA umaze, bifite ishingiro kandi rikomeye! Abacu bakomeze baruhukire mu mahoro!
- Umwanditsi Martin Gray mu gitabo cye yise '***Au nom de tous les miens'*** yagize ati: "*Être fidèle à ceux qui sont morts, c'est vivre comme ils auraient vécu, c'est les faire vivre en nous, c'est transmettre leur visage, leur voix, leur*

*message aux autres. Ainsi la vie des disparus germe sans fin.*" Mu rurimi rw'i kinyarwanda: "Kuzirikana no kwibuka abawe wabuze, ni ukubaho ku bwawe no ku bwabo."

- Ni ukubiga ingiro n'ingendo! Ni ukubumbatira ubupfura n'ubwiza bwabo, tukabusiga abacu n'abandi! Bityo, bakabaho muri twe ubuzima butazima!
- Munyemerere rero nongere mbwire Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi nti 'Impore'! Mwarakoze cyane kwemera kubaho kugira ngo batazima!
- Mwarakoze kwemera kugendana ibikomere, tugafatanya twese kubaka u Rwanda batabonye, abato bavukiramo, bagakuriramo, bagakomeza u Rwanda rwunze Ubumwe.

**PAUSE**

- Kuri uyu munsi, tuzirikana imyaka 30 Umuryango IBUKA umaze uvutse, mumfashe dushimire by'umwihariko, abagize uruhare mu ishingwa ry'uyu muryango n'indi miryango bafatanyije urwo rugendo.
- Bagize ubutwari bwo gutangirira ku busa mu gihe cyari cyuzuyemo umwijima n'agahinda, bahitamo kubaka.
- Ndashimira kandi Abanyarwanda muri rusange bakomeje gufatanyiriza hamwe mu kuwuherekeza, bawuha ijwi n'imbaraga, bawushyigikira mu rugamba rukomeye rwo kurinda no gusigasira amateka ya

Jenoside yakorewe Abatutsi, kugira ngo atazigera yibagirana.

- Bavandimwe, u Rwanda rwagize ibyago. U Rwanda rwagushije ishyano.

**PAUSE**

- Ni akaga gakomeye kubona ko, uyu nawo ari umurage tuzakomeza guhererekanya nk'Igihugu, kandi nta n'undi twabisiganira. Kwibuka si igisebo, si n'ikamba. Dr. Damas yabivuze neza: Kwibuka ni amaburakindi. Ubudaheranwa ni amaburakindi. Iyo haza kubaho ubumuntu, ntidutereranwe, ubwo bugome bw'indengakamere ntabwo bwari kwimikwa, ngo bushyirwe mu bikorwa kariya kageni, bworeke imbaga y'abanyarwanda barenga miriyoni, bazize uko bavutse.
- Kubaho k'umuryango IBUKA gushingiye ku mateka ashariye y'igihugu cyacu ndetse byaje nk'igisubizo cy'amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo. Ntibyari byoroshye kuva muri Jenoside ngo abantu bakomeze ubuzima uko bisanzwe, bagire icyizere cyo kubaho, gutera imbere no kureba ejo hazaza!

**Babyeyi, Rubyiruko, Batumirwa bahire**,

- Iyi myaka mirongo itatu (30) y'umuryango IBUKA igaragaza ubuzima bw'ikiragano '***generation***'. Ni igisekuru cyanyuze mu bihe bikomeye, cyatakaje imiryango, cyigeze kwamburwa ubumuntu, gitakaza

ubuzima ndetse ni igisekuru cyakuriye mu gahinda gakomeye.

- Ariko kandi, ni igisekuru cyafashe icyemezo gikomeye cyo kubaho, n'ubwo Jenoside yadushegeshe ariko umutima w'u Rwanda n'abarwo ntacyawushyikira iyo turi kumwe, dushyize hamwe.
- Banyamuryango ba IBUKA, uru rugendo ntabwo rwari inzira igororotse. *Mwemeye gushinjagirana ishavu mu gihe byari ngombwa, muratwaza.*
- *Muhumure, ntimukagire icyo mwikanga. Ikiguzi cy'ubudaheranwa mwatanze ni ntagereranywa kandi nta n'uwagishidikanyaho.* ***Mwarakoze***. ***PAUSE***
- Umwanditsi Mzee Mugesera ni we wagize ati: "*Nta bipimo byashobora gufasha umuntu kumva agahinda n'akababaro k'uwarokotse. Bisaba kubatega amatwi no kumva amarenga y'ubwo bubabare, rimwe na rimwe batavuze.*"
- Ni byinshi byiza twishimira uyu munsi byadufashije muri urwo rugendo ariko icyemezo cyo kubabarira kirabihebuje.
- Gutanga cyangwa kugira imbabazi ntabwo ari intege nke. Ni imbaraga zikomeye z'umutima. Ni ubutwari bwo kwanga guhera ku ngoyi y' urwango ruhoraho, rubyara inzika.

**Banyamuryango ba IBUKA, Batumirwa Bahire**,

- Imyaka 30 iha umuntu umusingi ukomeye wo kubaka no kwagura intego yihaye. Nk'umuryango IBUKA rero, igihe ni iki cyo gutekereza imbogamizi zigihari zikavugutirwa umuti, ariko n'amahirwe arambye ari mu gihugu cyacu ndetse n'isi muri rusange.
- Nk'abanyamuryango ba IBUKA, kwirenga no kureba imbere mwagaragaje muri uru rugendo, bikomeze bihererekanwe no ku badukomokaho bose.

**Batumirwa Bahire, Rubyiruko**,

- **Ntituzirare**!
- Kwibwira ko ubwo dufite amahoro n'umutekano wuzuye bihagije, ntitugire icyo dukora ngo tubirinde, kwaba ari ukwibeshya cyane.
- Turacyabona abagerageza guhakana no kugoreka amateka. Nk'uko Smith yabivuze,"Lies travel half the road before truth puts boots on the ground".
- **Rubyiruko, Bana bacu**, Nta na rimwe tuzigera twicuza amahitamo twakoze yo kubaka u Rwanda twifuza kandi rutubereye twese. Namwe ayo mahitamo azakomeze kuba ayanyu. ***Uru rugamba ni urwacu. Ni urwanyu!***
- Amateka y'isi atwereka ko aho Jenoside yabaye hose, umuryango mpuzamahanga wateshutse ku nshingano zawo zo kurinda ko Jenoside ibaho.
- Ibi bitwigisha ko umutekano w'ukuri ugomba guturuka imbere muri twebwe n'igihugu cyacu.

- Tutabaye maso, ibyo twagezeho bisabye ikiguzi cy'ubuzima bw'abana b'u Rwanda, twakongera tukabibura mu gihe gito.
- Niyo mpamvu *'Ntibizongere kubaho - Never Again'* bidakwiye kuba imvugo gusa ahubwo dukwiye kubifata *nk' 'isezerano rihoraho',* kuri twebwe ubwacu, abacu twabuze, abadukomokaho, n'igihugu cyacu muri rusange.
- **Munyemerere** nongere mbasabe kwiyemeza no kwemera inshingano. Inshingano zo gukomeza gukunda, kubaka, no kwimana u Rwanda.
- Abacu bagiye bababajwe, ubu bahozwa no kubona aho tugeze!
- Twabonye '**Abavunyi**', abarokotse Jenoside bongeye kwiyubaka.
- Mbifurije gukomera muri iyi minsi 100 twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Abacu bakomeze baruhukire mu mahoro.
- **Twibuke twiyubaka!**